**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# RAPORO Y'AMATORA Y'ABAGIZE INAMA NJYANAMA, BIRO NA KOMITE NYOBOZI BY'UMUJYI WA KIGALI






B P. 6449 KIGALI E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

**Kanama 2024**

## ISHAKIRO

I. INTANGIRIRO ..... 3
II. IBIKUBIYE MURI IYI RAPORO ..... 4
II.1. Imyiteguro y'amatora ..... 4
II.1. 1 Gutegura gahunda y'amatora ..... 4
II.1.2. Kumenyekanisha amatora ..... 5
II.1. 3. Gushyiraho no guhugura Abakorerabushake b'amatora ..... 5
II.1. 4. Gutegura ibikoresho no kubigeza ahatorerwa ..... 6
II.2. KWAKIRA NO GUSUZUMA KANDIDATIRE ..... 7
II.3. KWIYAMAMAZA KW'ABAKANDIDA ..... 8
II.4. IMIGENDEKERE Y'AMATORA N'IBYAYAVUYEMO ..... 9
II.4.1 Imigendekere y'amatora y'Abajyanama 2 batorerwa muri buri Karere ..... 9
II.4.2. Ibyavuye mu matora ya Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali. ..... 11
II.4.3. Ibyavuye mu matora ya Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali ..... 12
IV. UMUSOZO ..... 14



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

## I. INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko n°043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu ngingo yaryo ya 2, intego ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ni ugutegura, kuyobora amatora no gukora ku buryo amatora akorwa mu mucyo no mu bwisanzure hagamijwe kwimakaza umuco wa Demokarasi mu Gihugu.

Hashingiwe ku Itegeko ngenga n°001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, mu ngingo yaryo ya 57;

Hashingiwe kandi ku itegeko n° 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali mu ngingo yaryo ya 11;

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye inayobora amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali. Ayo matora yabaye ku wa 22 Kanama 2024.

Iyi raporo iragaragaza ibyakozwe mu myiteguro, imigendekere y'amatora n'ingamba zafatwa mu kurushaho gutunganya imiyoborere y'amatora.



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

## II. IBIKUBIYE MURI IYI RAPORO

Raporo y'amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali igizwe n'ibice by'ingenzi bikurikira:

- Imyiteguro y'amatora;
- kwakira kandidatire;
- kwiyamamaza kw'Abakandida;
- amatora nyirizina n'Ibyayavuyemo;
- Ibyaranze amatora;
- Umusozo.

### II.1. Imyiteguro y'amatora

Imyiteguro y'amatora y'Abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali yaranzwe n'ibikorwa bitandukanye bikurikira:

- Gutegura gahunda y'amatora;
- Gutegura amabwiriza agenga amatora
- Kumenyekanisha amatora;
- Gushyiraho no guhugura Abakorerabushake b'amatora;
- Gutegura ibikoresho by'amatora no kubigeza ahatorerwa.

### II.1. 1 Gutegura gahunda y'amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye gahunda y'amatora iteye kuburyo bukurikira:

| N° | IGIKORWA | AMATARIKI |
|---|---|---|
| 1. | Kwakira Kandidatire | 23/07-01/08/2024 |
| 2. | Gutangaza by'agateganyo Kandidatire zemejwe | 03/08/2024 |
| 3. | Gutangaza Kandidatire zemejwe burundu | 05/08/2024 |
| 4. | Inama n'Abakandida ku gikorwa cyo kwiyamamaza no ku migendekere y'amatora | 12/08/2024 |
| 5. | Kwiyamamaza | 13-16/08/2024 |
| 6. | Amatora y'Abajyanama batorerwa muri buri Karere | 16/08/2024 |



B P. 6449 KIGALI E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

| | | |
|---|---|---|
| 7. | Amatora ya Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali | |
| 8. | Amatora ya Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali | |

### II.1.2. Kumenyekanisha amatora

Igikorwa cyo kumenyekanisha amatora y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali cyakozwe hifashishijwe uburyo bukurikira:

1) Ibiganiro n'Abayobozi b'Imirenge, Uturere n'Umujyi wa Kigali;
2) Amatangazo mu bitangazamakuru bitandukanye;
3) Ibiganiro kuri Televiziyo na radiyo zitandukanye;
4) Urubuga rwa murandasi rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (Website) n'imbuga nkoranyambaga zayo.

### II.1. 3. Gushyiraho no guhugura Abakorerabushake b'amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho abakorerabushake bafashije mu myiteguro n'imiyoborere y'amatora nyirizina.

Abakorerabushake b'amatora bose kuva ku rwego rw'Akarere kugera ku Mujyi wa Kigali bahuguwe ku mategeko n'amabwiriza bigenga amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'abakorerabushake bafashije kuyobora ayo matora.

**Imbonerahamwe ya 2: Abakorerabushake bayoboye amatora y'abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali**

| **URWEGO** | **UMUBARE W'ABAKORERABUSHAKE** | | |
|---|---|---|---|
| | **Gore** | **Gabo** | **Bose** |
| **Akarere ka GASABO** | 3 | 3 | 6 |
| **Akarere ka KICUKIRO** | 3 | 3 | 6 |
| **Akarere ka NYARUGENGE** | 3 | 3 | 6 |
| **Umujyi wa Kigali** | 2 | 0 | 2 |
| **Igiteranyo** | **11** | **9** | **20** |



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

### II.1. 4. Gutegura ibikoresho no kubigeza ahatorerwa

Muri buri Karere hateguwe ibikoresho by’amatora bikenewe, hashingiwe ku mibare y’Ibiro n’ibyumba by’itora byatorewemo. Ibikoresho byagejejwe ahabereye amatora ku gihe.

**Imbonerahamwe ya 3: Ibikoresho by’amatora byakoreshejwe**

| UMUBARE WA SITE | UMUBARE W'IBYUMBA | UBWOKO BW’IBIKORESHO | INGANO YABYO |
|---|---|---|---|
| 4 | 4 | Amasanduku | **6** |
| | | Imifuniko y'amasanduku | **6** |
| | | Calculatrices | **4** |
| | | Imakasi | **4** |
| | | Agraffeuses | **4** |
| | | Tempons ordinaires | **4** |
| | | Tempons specials | **8** |
| | | Encres ordinaires | **4** |
| | | Encres indelbiles | **4** |
| | | Agraffes (boites) | **1** |
| | | Enveloppes A4 | **8** |
| | | Enveloppes A3 | **10** |
| | | Papier diplicateur (rame) | **4** |
| | | Bics | **12** |
| | | Seals | **40** |
| | | Lattes | **4** |
| | | Marqueurs | **16** |
| | | Scotch | **4** |
| | | Flip chart | **4** |
| | | Voter list | **4** |
| | | Imigereka | **20** |
| | | Impapuro z'itora | **844** |
| | | Imikenyero | **20** |
| | | Imipira (T-shirts) | **10** |



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

## II.2. KWAKIRA NO GUSUZUMA KANDIDATIRE

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye kandidatire z'abifuza kujya mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali baturuka mu Turere 3 tugize Umujyi wa Kigali. Kandidatire zakiriwe guhera tariki ya 23/07/2024 kugera 01/08/2024, zirasuzumwa hatangazwa urutonde rw'abakandida bemejwe nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 4: Abakandida bemejwe burundu**

| AKARERE | AMAZINA Y'ABAKANDIDA BEMEJWE |
|---|---|
| **GASABO** | 1. TUYISENGE Celestin<br>2. TUYIZERE Theogene<br>3. MATEKA Ibrahim<br>4. DUSINGIZIMANA Jean Nepomuscene<br>5. UWIMANA Yvette<br>6. NDAHIRO Eugene<br>7. UMUHOZA Magnifique<br>8. DUSHIME Cadeau Divine<br>9. AGASARO Benitha<br>10. UWANTEGE Bizimungu Olive<br>11. MUKABUTARE Evanis<br>12. GATERA Frank<br>13. KAREGA Diogene<br>14. GACONDO Frederick<br>15. BAGUMA Rose<br>16. NYIRASAFARI Jeanne D'arc<br>17. NDAYISHIMIYE Thamar<br>18. NZAMUKOSHA Aline Happy<br>19. KATUSIIME Hellen<br>20. UWIZEYE Marie Chantal<br>21. DUKUNDANE Olivier<br>22. MUSONI Wilson<br>23. NSABIMANA Wellars |
| **KICUKIRO** | 1. RWAMUCYO Imani Prince<br>2. TURATSINZE Bien Aime<br>3. NYINAWUMUNTU Rosemary<br>4. DEREVA Geoffrey<br>5. NYINAWINKINDI Liliose Larisse<br>6. TSINDA Aime<br>7. ATUKUNDA Christine<br>8. NZASINGIZIMANA Phocas<br>9. NDAKAZA Jean Napoleon |

| | |
|---|---|
| **NYARUGENGE** | 1. KUBWIMANA Irene<br>2. UWABABYEYI Josephine<br>3. MUGABO Joseph<br>4. NZAYISENGA Clement<br>5. ABANABEZA Alice<br>6. MURENZI Jean De Dieu<br>7. GAHIGANA John<br>8. SAFARI David<br>9. KAREGEYA Janvier<br>10. URUJENI Martine<br>11. SEMAKULA Muhammed<br>12. NSHUTIRAGUMA Esperence<br>13. MUSABYIMANA Jean Yves |

## II.3. KWIYAMAMAZA KW'ABAKANDIDA

Tariki ya 12 Kanama 2024 Komisiyo y'Igihugu y'amatora yagiranye inama n'abakandida igamije kubasobanurira amategeko n'amabwiriza bigenga igikorwa cyo kwiyamamaza.

Ibikorwa byo kwiyamamaza kw'abakandida byakozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga n'imbere y'abagize inteko itora umunsi w'itora muri buri Karere no ku rwego rw'Umujyi wa Kigali. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ubwitabire bw'inteko itora mu bikorwa byo kwiyamamaza.

**Imbonerahamwe ya 5: Ubwitabire bw'abagize inteko itora mu bikorwa byo kwiyamamaza kw'abakandida**

| AKARERE | ABAGOMBAGA KWITABIRA | | | ABITABIRIYE | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gore | Gabo | Bose | Gore | Gabo | Bose | % |
| Gasabo | 155 | 152 | **3O7** | 98 | 92 | 190 | **61.8** |
| Kicukiro | 108 | 90 | **198** | 67 | 63 | 130 | **65.6** |
| Nyarugenge | 101 | 109 | **210** | 86 | 99 | 185 | **88.09** |
| **Igiteranyo** | **364** | **351** | **715** | **251** | **254** | **505** | **70.6** |



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

## II.4. IMIGENDEKERE Y’AMATORA N’IBYAYAVUYEMO

### II.4.1 Imigendekere y’amatora y’Abajyanama 2 batorerwa muri buri Karere

Muri buri Karere habaye amatora y’abajyanama 2 bajya mu Nama Njyanama y’Umujyi wa Kigali. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ubwitabire bw’inteko itora mu matora.

**Imbonerahamwe ya 6: Ubwitabire mu matora y’abagize Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali**

| AKARERE | ABAGOMBAGA GUTORA | | | ABATOYE | | | | ABATOYE NEZA | | IMPFABUSA | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gore | Gabo | Bose | Gore | Gabo | Bose | % | Bose | % | Zose | % |
| GASABO | 155 | 152 | **307** | 98 | 92 | 190 | **61.8** | **183** | **96.3** | **7** | **3.7** |
| KICUKIRO | 108 | 90 | **198** | 67 | 63 | 130 | **65.6** | **126** | **96.9** | **4** | **3.1** |
| NYARUGENGE | 101 | 109 | **210** | 86 | 99 | 185 | **88.09** | **179** | **96.8** | **6** | **3.2** |
| **Igiteranyo** | **364** | **351** | **715** | **251** | **254** | **505** | **70.6** | **488** | **96.6** | **17** | **3.4** |

Muri rusange ubwitabire mu matora y’Abajyanama 2 ba buri Karere bajya mu Nama Njyanama y’Umujyi wa Kigali ni **70.6%.**



***Abagize inteko itora baje gutora***



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

**Imbonerahamwe ya 7: Uko abakandida muri buri Karere barushanijwe amajwi**

| AKARERE | AMAZINA Y'ABAKANDIDA | AMAJWI | % |
|---|---|---|---|
| GASABO | 1. TUYISENGE Celestin | 19 | 10.3 |
| | 2. TUYIZERE Theogene | 3 | 1.6 |
| | 3. MATEKA Ibrahim | 5 | 2.7 |
| | 4. DUSINGIZIMANA Jean Nepomuscene | 3 | 1.6 |
| | 5. UWIMANA Yvette | 7 | 3.8 |
| | 6. NDAHIRO Eugene | 10 | 5.4 |
| | 7. UMUHOZA Magnifique | 4 | 2.1 |
| | 8. DUSHIME Cadeau Divine | 20 | 10.9 |
| | 9. AGASARO Benitha | 5 | 2.7 |
| | 10. UWANTEGE Bizimungu Olive | 24 | 13.1 |
| | 11. MUKABUTARE Evanis | 6 | 3.2 |
| | **12. GATERA Frank** | **87** | **47.5** |
| | 13. KAREGA Diogene | 15 | 8.1 |
| | 14. GACONDO Frederick | 9 | 4.9 |
| | **15. BAGUMA Rose** | **76** | **41.5** |
| | 16. NDAYISHIMIYE Thamar | 4 | 2.1 |
| | 17. NZAMUKOSHA Aline Happy | 5 | 2.7 |
| | 18. KATUSIIME Hellen | 30 | 16.3 |
| | 19. UWIZEYE Marie Chantal | 4 | 2.1 |
| | 20. DUKUNDANE Olivier | 5 | 2.7 |
| | 21. MUSONI Wilson | 26 | 14.2 |
| | 22. NSABIMANA Wellars | 4 | 2.1 |
| KICUKIRO | 1. RWAMUCYO Imani Prince | 3 | 2.3 |
| | 2. TURATSINZE Bien Aime | 13 | 10.3 |
| | 3. NYINAWUMUNTU Rosemary | 16 | 12.6 |
| | 4. DEREVA Geoffrey | 8 | 6.3 |
| | **5. NYINAWINKINDI Liliose Larisse** | **63** | **50** |
| | **6. TSINDA Aime** | **79** | **62.6** |
| | 7. ATUKUNDA Christine | 43 | 34.1 |
| | 8. NZASINGIZIMANA Phocas | 8 | 6.3 |
| | 9. NDAKAZA Jean Napoleon | 14 | 11.1 |
| NYARUGENGE | **1.** KUBWIMANA Irene | 11 | 6.1 |
| | 2. UWABABYEYI Josephine | 11 | 6.1 |
| | 3. MUGABO Joseph | 11 | 6.1 |
| | 4. NZAYISENGA Clement | 9 | 5 |
| | 5. ABANABEZA Alice | 8 | 4.4 |
| | 6. MURENZI Jean De Dieu | 13 | 7.2 |
| | 7. GAHIGANA John | 8 | 4.4 |
| | 8. SAFARI David | 7 | 3.9 |
| | 9. KAREGEYA Janvier | 7 | 3.9 |
| | **10. URUJENI Martine** | **121** | **67.5** |
| | **11. SEMAKULA Muhammed** | **100** | **55.8** |
| | 12.NSHUTIRAGUMA Esperence | 40 | 22.3 |
| | 13.MUSABYIMANA Jean Yves | 14 | 7.8 |



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza abatowe:

**Imbonerahamwe ya 8: Abajyanama batowe muri buri Karere**

| AKARERE | ABATOWE | AMAJWI (%) |
|---|---|---|
| GASABO | GATERA Frank | 47.5 |
| | BAGUMA Rose | 41.5 |
| KICUKIRO | NYINAWINKINDI Liliose Larisse | 50 |
| | TSINDA Aime | 62.6 |
| NYARUGENGE | URUJENI Martine | 67.5 |
| | SEMAKULA Muhammed | 55.8 |



***Nyarugenge***



***Gasabo***



***Kicukiro***

### II.4.2. Ibyavuye mu matora ya Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

Nyuma yo kurahirwa kw'Abajyanama b'Umujyi wa Kigali barimo 6 batowe na 6 bashyizweho na Perezida wa Repubulika, hatowe abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ubwitabire n'abatowe muri ayo matora.

**Imbonerahamwe ya 7: Ubwitabire n'abatowe mu matora y'abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali**

| UMWANYA | ABAGOMBAGA GUTORA | | | ABATOYE | | | | ABATOYE NEZA | | ABATOWE |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gore | Gabo | Bose | Gore | Gabo | Bose | % | Bose | % | |
| Perezida | 5 | 7 | 12 | 5 | 7 | 12 | 100 | 12 | 100 | MUGENZI KAJENERI Christian |
| Visi Perezida | | | | | | | | | | NISHIMWE Marie Grace |
| Umunyamabanga | | | | | | | | | | NYINAWINKINDI Liliose Larisse |



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

### II.4.3. Ibyavuye mu matora ya Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali

Nyuma yo gutorwa no kurahira kw'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, hatowe abagize Komite Nyobozi.
Imbonerahamwe zikurikira ziragaragaza ubwitabire n'ibyavuye mu matora ya Komite Nyobozi.

**Imbonerahamwe ya 8: Ubwitabire n'ibyavuye mu matora ya Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali**

| UMWANYA WIYAMARIZWAGA | ABAGOMBAGA GUTORA | | | ABATOYE | | | | ABATOYE NEZA | | IMPFABUSA | | ABAKANDIDA N'AMAJWI | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | | | | AMAZINA | AMAJWI | % |
| | Gore | Gabo | Bose | Gore | Gabo | Bose | % | Bose | % | Zose | % | | | |
| Umuyobozi w'Umujyi | 369 | 358 | 727 | 201 | 197 | 398 | 54.7 | 397 | 99.7 | 1 | 0.3 | **DUSENGIYUMVA Samuel** | **397** | **100** |
| Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa Remezo | | | | 199 | 184 | 383 | 52.7 | 381 | 99.5 | 2 | 0.5 | **DUSABIMANA Fulgence** | **258** | **67.7** |
| | | | | | | | | | | | | GATERA Frank | 123 | 32.3 |
| Umuyobozi Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage | | | | 193 | 179 | 362 | 49.8 | 360 | 99.4 | 2 | 0.6 | **URUJENI Martine** | **360** | **100** |



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

**Imbonerahamwe ya 9: Aboyobozi batowe n'imyanya batorewe**

| No | AMAZINA | UMWANYA | AMAJWI |
|---|---|---|---|
| 1 | **DUSENGIYUMVA Samuel** | Umuyobozi w'Umujyi | 100 |
| 2 | **DUSABIMANA Fulgence** | Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa Remezo | 67.7 |
| 3 | **URUJENI Martine** | Umuyobozi Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage | 100 |



*DUSENGIYUMVA Samuel*



*DUSABIMANA Fulgence*



*URUJENI Martine*



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw

## III. IBYARANZE AMATORA Y'ABAGIZE INAMA NJYANAMA, BIRO NA KOMITE NYOBOZI BY'UMUJYI WA KIGALI

Iby'ingenzi byaranze aya matora ni ibi bikurikira:

- Amatora yakozwe mu ituze, mu mucyo no mu bwisanzure;
- Habonetse abakandida benshi ku myanya y' abajyanama 2 ba buri Karere;
- Habaye Ubufatanye hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'izindi nzego;
- Ubwitabire bw'abagize inteko itora mu bikorwa by'amatora;
- Abakorerabushake b'amatora bagaragaje ubwitange mu bikorwa by'amatora;
- Ibyavuye mu matora byakiriwe neza.

## IV. UMUSOZO

Muri rusange ibikorwa byari biteganijwe mu matora y'abagize Inama Njyanama, Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali byagenze neza hubahirizwa amategeko n'amabwiriza bigenga amatora.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira abagize inteko itora, Abakandida, Abakorerabushake n'Abafatanyabikorwa uruhare bagize mu migendekere myiza y'amatora.

Bikorewe i Kigali ku wa 16 Ukwakira 2024

Digitally signed by
NEC(CHAIRPERSON)
Date: 2024.10.18 14:14:27
+02'00'

**GASINZIGWA Oda**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**



**B P. 6449 KIGALI** E-mail : info@nec.gov.rw; Web site: www.nec.gov.rw